TERRITOIRE D'ASTRIDA
CHEFFERIE DU BUYENZI

Munini le 24 Octobre 1956

ASTRIDA
2420

Empamvu
Gusubiza barwa N° I742 /A.I
ya tarki ya 22-I0-56

Kwa Bwana Administrateur chef wa Territoire

Ndabaramutsa ;

Nkurikije barwa yanyu N° I742/A.I ya tarki ya 22-I0-56 imbaza impa-
watumye ndaha NYIRAKABWA matoleo y'urubanza rwe ;

Ndabamenyesha ko Nyirakabwa yaje kunyaka matoleo ye le I9-I0-56 ubwo hali kuwa 5 mubwira ko haliho abandi bali mbereye ; nabo bagomba kuzibona ; mubwira ko azagaruka bukeye kuwa nyuma kureba ko azayibona ; ubwo bukeye aragaruka ; mbanza kuziha abo bali mbereye ; bali 4 barangirana n'amasaha yo kuwa nyuma ; mubwira kuzagaruka kuwa nyuma wundi le 20-I0-56 ; ubwo ntiyagaruka ahita aza kundega ;

Lero ikibemeza ko ntayimwimye nuko abandi nababwiriye hamwe bazibonye ndetse niye nkayandika uwo munsi akaba aliwe ubura ;

Maze lero ino niko bimeze bafite akamenyero ko kurega umuntu umubwira umunsi aho kuwukurikira agahita ajya kurega ; kandi murumva ko iyo nyimwima aba yarandegeye chef cyanga se Juge ; bakabimpanira ; cyanga se nawe muzamubaze ko harubwo yi geze kubandegera ubwabo ibyo bishobora kubumvisha ububi bw'abantu ; ubundi mukurikiye ibyo baturega nukuvuga ko ntawakwirirwa akora kuko alikamenyero kabaye muli Territoire y'Astrida ; kandi ngirango ibyinshi nibyo mutangiye kujya mubona ;

Nuko mub'Amahoro

Nijyewe Gashugi L.
Greffier wa Buyenzi

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 22 octobre 1956

Nº 1742 /A.I.

Impamvu:
Kwaka matoleo.

Ku Mukarani w'Urukiko rwa chefl. Buyenzi

Ndakumenyesha ko uyu Nyirankabya yaje kumbwira ko amaze iminsi aza gusaba matoleo ye ntimuyimuhe. Ndakumenyesha ko mukwiliye kujya mutanga igihe cy'icyumweru kimwe ku muntu uje gusaba matoleo kuko ku bwanjye ndeba ngasanga icyumweru gihagije. Naho ubundi mwakwitera amahane biviriyeho umuburanyi gukererwa ku mpamvu zanyu. Ndashaka ko uzambwira impamvu utayimuhaye le 25/10/56. Mutayimubwiza kumwo iminsi uzagucya amafranga zwo. -Fr.

L'Administrateur de Territoire,
~~W. ANTONISSEN~~,
ACKERMAN Fr,